**Ikinyarwanda II**

**027**

**26/07/2021 8.30 AM –11.30 AM**

NESA NATIONAL EXAMINATION AND SCHOOL INSPECTION AUTHORITY

# IKIZAMINI CYA LETA GISOZA IKICIRO CYA KABIRI CY'AMASHURI YISUMBUYE 2020-2021

## IKIZAMINI: IKINYARWANDA

**AMASHAMI :**

- LITTERATURE IN ENGLISH–FRENCH–KINYARWANDA **(LFK)**
- LITTERATURE IN ENGLISH–KISWAHILI–KINYARWANDA **(LKK)**

**IGIHE KIMARA : AMASAHA ATATU (3h00)**

**AMABWIRIZA**

1) Andika amazina yawe na nomero yawe ku ikayi y'ibisubizo nk'uko byanditswe kuri "Registration form" ariko ubujijwe kubyandika ku mpapuro z'inyongera uhabwa bibaye ngombwa.
2) Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
3) Ikizamini kigizwe n'ibibazo makumyabiri na bine (24) n'ibice bine by'ingenzi:
   - **Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko (amanota 18)**
   - **Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo (amanota 19)**
   - **Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi (amanota 48)**
   - **Ihangamwandiko (amanota 15)**
4) Ubahiriza itonde ry'ibibazo uko bikurikirana.
5) Subiza muri make utarondogoye.
6) Amazina yawe cyangwa ay'ishuri wigamo ntagire aho agaragara handi hatari ahabugenewe ku ikayi y'ibisubizo.
7) Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe cyanecyane ibipfuye bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
8) Koresha ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara.**

**Baciye urwa mbehe**

*Uyu mugani bawuca bakurikije urubanza babonye ko ruciwe nabi ni bwo bavuga ngo "Baciye urwa mbehe!" Wakomotse kuri Mbehe wo ku Ijwi muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo; ahagana mu mwaka wa 1900.*

Mbehe yari Umushi agatura ku Ijwi, ku ngoma ya Rwabugili. Rimwe rero Abanyarwanda batera Ijwi ritegekwa na Kabego ka Mwendo. Baterayo inshuro ebyiri abaca mu myanya y'intoki, ku ya gatatu arafatwa baramwica. Abanyejwi barimo Nkundiye ya Kabego barayoboka. Rwabugili abonye ko bamuyobotse Nkundiye akazana amaturo, aramurokora, amurekera uruhande rw'icyo gihugu cya se, urundi arugabira Nyiragisasirintore nyina wa Murinzi w'Ingangurarugo, ari we bitaga "Incyahábabisha ya Rwuhirandekwe".

Nuko Nkundiye atona kuri Rwabugili cyane; yari afite umutware witwa Mbehe akamutwarira igice k'Ijwi yasigaranye; ni we wazanaga amakoro kwa Rwabugili, bituma amenyekana ibwami. Umunsi umwe Rwabugili araza inkera y'imihigo. Ingabo Nkundiye yatwariraga Rwabugili zitwaga "Inkeramihigo" zirahiga, na Nkundiye arahiga avuga ko na we ari umugabo. Muri icyo gitaramo hakabamo Umwega witwa Giharamagara cya Rwakagara. Yumvise imihigo ya Nkundiye aramubwira ati: "Wabaye umugabo wahakanywe n'ibishahu bya so"? Nkundiye biramurakaza abyuka asubira iwabo ku Ijwi ijoro ryose, arongora n'ingabo ze. Ni yo nkomoko y'umugani ugicibwa n'ubu ngo: "Incyuro mbi yashubije Nkundiye iwabo!"

Nkundiye rero amaze kugera iwabo agandisha Ijwi ariyimika. Abatasi bohereza umwe muri bo kubibwira Rwabugili. Umutasi amena ishyamba yahuranya i Nduga yose n'u Bwanacyambwe asanga Rwabugili i Rwamagana, asanga ibwami bari mu mihango yo gukura Gicurasi. Rwabugili amubonye aramumenya amubariza kure ati: "Ko wuhanya aho ku nkiko ni amahoro"? Undi ati: "Nta mahoro Nkundiye yimye Ijwi!" Rwabugili akaba afite inkoni mu ntoki ayesa hasi icikamo kabiri, arahaguruka aboneza irembo ryose atabaye, atabara nta nama, nta mana, nta mugaba, nta kugisha (kuraguza by'ibwami). Ni yo mpamvu abasizi bamwise Katabyagira; kuko aticaraga hamwe, cyangwa ngo agende agishije inama abo bari kumwe. Ubwo rubanda rumuhombokaho. Nkundiye amenye ko Rwabugili amuteye ashyira ingabo ku cyambu yimiriza Abanyarwanda ngo babure uko bambuka.

Wa mugabo Mbehe w'umutware wa Nkundiye, we agira ubwoba; yigira inama yo kwambuka ngo asanganire Rwabugili amuyoboke. Arambuka aramusanganira,

yerekana inzira bambukiramo. Abanyarwanda batoranya abantu b'intwari mu mitwe yose, babagira magana abiri. Barambuka, bageze hakurya barema urugamba. Abanyejwi barabasanganira bararwana. Abanyarwanda basigaye hakuno baboneraho inkunga yo kwambuka, Ijwi barariyogoza, ariko Nkundiye ntiyaboneka. Yaje gupfa ku gitero cya kabiri. Bamaze kuhavogera bafata abantu, Rwabugili ategeka Mbehe gucira urubanza ukwiye gupfa n'ukwiye gukira. Babateranyiriza hamwe bati: "Ngaho Mbehe tangira!"

Uwo akubise amaso wese agasanga ari umuvandimwe we. Mbehe arashoberwa aragingimiranya. Ubwo yaribwiraga ati: "Kubicisha ni bibi, kubireka kandi na bwo ni ukwikorera ishyano!" Igihe akigingimiranya bati: "Cyo Mbehe ca urubanza!" Akareba umwe ati: "Uyu akwiye gupfa cyangwa gukizwa." Uwo bamweretse wese akavuga atyo. Abahungu babibonye batyo barabiseka, ariko babisekana impuhwe, bamuhakirwa kuri Rwabugili bati: "Nyagasani buriya yabuze uko agira kandi n'undi wese ni ko yagira: ntawabona abavandimwe be bapfa!" Rwabugili aragororoka abarokora bose. Kuva ubwo rero, icyo gikorwa cya Mbehe cyamamara mu Rwanda gihinduka iciro ry'umugani, noneho babona urubanza ruciwe nabi (bififitse), ndetse wenda rimwe na rimwe abacamanza babuze uko babikika bati: "Baciye urwa mbehe!"

Guca urwa mbehe (urubanza): gukirakiranya imberabyombi.

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 18)**

1) Uyu mwandiko ni bwoko ki ? Sobanura igisubizo cyawe. **(amanota 2)**

2) Erekana ukuntu Rwabugili yagabanyije Ijwi amaze kuryigarurira. **(amanota 2)**

3) Ni iyihe mpamvu yatumye: **(amanota 2)**
   (a) Mbehe amenyekana kwa Rwabugili?
   (b) Rwabugili agabira Nkundiye kandi yari amaze kwica se Kabego?

4) Imihango yo "gukura Gicurasi" ni imihango yari imeze ite? **(amanota 2)**

5) "Wabaye umugabo wahakanywe n'ibishahu bya so?" Bishatse kuvuga iki? **(inota 1)**

6) Mbehe yaciye urubanza ate? Ni iyihe mpamvu yaba yaratumye aruca ukonguko? **(amanota 2)**

7) Ni irihe zina rivugwa mu mwandiko abasizi bitaga Rwabugili? Kuki barimwitaga?

**(amanota 2)**

8) Sobanura aya magambo ukurikije ibisobanuro afite mu mwandiko: **(amanota 5)**

a) Guca mu myanya y'intoki
b) Gutabara nta nama, nta mana, nta mugaba
c) Amakoro
d) Ibishahu
e) Kuhanya

**IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO (amanota 19)**

9) Andika ubwoko bw'amagambo aciyeho umurongo: **(amanota 4)**

(a) Nuko Nkundiye atona kuri Rwabugili <u>cyane</u>.
(b) Nkundiye ararakara asubira iwabo ijoro <u>ryose</u>.
(c) Rwabugili aramubwira ati: "<u>Ngwino</u> hano nkubwire."
(d) Rwabugili yari <u>afite</u> ingabo nyinshi igihe yateraga ku Ijwi.

10) Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi (mu mpine) yubahirijwe mu magambo aciyeho umurongo. **(amanota 6)**

(a) Abantu bo ku Ijwi <u>bayobotse</u> Rwabugili ari benshi.
(b) Ariko benshi muri bo rwari <u>urwiyerurutso</u> ntibabonaga <u>impamvu</u> yabyo.

11) Hanga interuro ngufi zirimo inyangingo zikurikira: **(amanota 3)**

(a) Inyangingo yigenga (yihariye).
(b) Inyangingo ebyiri zigenga.

12) Erekana ahantu hatatu mu myandikire y'Ikinyarwanda hashobora gukoreshwa akanyerezo unatange ingero. **(amanota 6)**

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 48)**

13) Ni irihe tandukaniro riri hagati y'**ururimi rw'igihugu** n'**ururimi rw'ubutegetsi ?** Tanga urugero ku Gihugu cyacu. **(amanota 4)**

14) Ibisigo nyabami bigabanyijemo ayahe moko? Sobanura buri bwoko bwabyo utanga urugero rw'izina ry'igisigo kuri buri bwoko n'umusizi wagisize. **(amanota 9)**

15) Mu Nzira z'ubwiru uko ari cumi n'indwi (17), tanga ingero eshatu muri zo unazisobanure.

**(amanota 6)**

16) Uzuza iyi migenurano: **(amanota 3)**

(a)....................................... amaraso ntuyakarenza.

(b)Aboro babiri ......................................................

(c)....................................................... ntigasiga ubura.

17) Ubutinde n'amasaku: **(amanota 10)**

a) Tandukanya amagambo yandikwa kimwe ari mu nteruro zikurikira ukoresheje ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso:

- Gatarayiha ni umukungu nka Mirenge ku Ntenyo. Abakozi bo mu mirenge bahura n'abaturage kenshi.
- Burya koko umuntu yishima aho yishyikira. Umuntu yishima ate ari mu bibazo ?
- Utazi ubwenge ashima ubwe. Iryo bati ririmo ubwenge kubera amahindu aherutse kugwa.

b) Andika interuro ikurikira ugaragaza ubutinde bw'imigemo n'amasaku kandi ugabanya ibimenyetso:

Nkundiye rero amaze kugera iwabo agandisha Ijwi ariyimika.

**Babyirukanye ingoga mu gutamira**

Babyirukanye ingoga mu gutamira
Abana ba Kigeli abyiruye
Bene Rwigurangoma rwa Ngoboka ya
Rwangoruke
Aba bana se yabyaye bakuranye icyusa mu irya
Barasagambye nka Bisu bya Nyamihana
Baza guhanwa na nde ngo bitonde mu gutamira
Uwakabahannye ko ari mukuru wabo
Bakaba bakoma ku ngeso yawe
Iyo ngeso barayibyariye abami
Ba Bwimandubaruba na Bwimanduga
Barabishyuhaguza ibihaza!
Rutalindwa
Ati: "Ndi igisoka singihazwa n'agasate,"
Ndi umutware w'Ibisumizi
Ibyo mwumva ge nzigira mu Gisigari
Iyo bahinga mu Rukubye, na rwo rukoroha
Nkamenya guhangira inyama!
Sharangabo
Agira imandwa ikaba indubizi
Ati: "Munyijyanire i Nyakabanda ka Kigali
Bandebere cya giti kiri aho kikitwa umuvure
Bacyuzuze amazi n'imineke ngumye
kubayagura
Sinteze guhezera na mugenzi wange!"
Nshozamihigo
Yariye kandore y' i Nduga
Ayimiragura ayivanga n'ibivuzo
Bigeze mu nda biragugara
Ati: "Munyegereze ibitoke n'ibijumba
n'umubanji
Ngumye nkomere mu nda yange
Ngana Mugaza wa nzovu
Gashamura
Abona ubwato ntazihazine
Akazengerezwa nk'uwasinze
Rutalindwa yagira ngo ariyubangana
Akabimyoza aho imbere ye
Ibisumizi bimukobye
Ati: "Ngira umusongozi gito
Akantekera imiranzi y'inyama
N'imitura y'ibishyimbo
Ntagomba guhisha aragapfa azamenya ingeso".
Rukangirashyamba aje kumuhana
Ati: "Ni ukuri mwana wange
N'uko nyine uruzi nisaziye
Umuganura waramuka waje ntiwansumbya
umuhogo.
Bisangwa ni mukuru utabakoma
Iyo akubirije imvuruge y'isogi
N'imitura y'ibishyimbo ntareka bihora
We aravunjagura agacisha ruguru
Ati: "Nagabanye ibigega
Mumpakurire umutsima munini
Ungana cya kigega kerekeye mu Koko
Nge ndabasumbya mu kurya!"
Rwayitare yatamiye intore
I Bunganyana rya Nyirabitero
Aracyatamba gusaba imyuko (...)

18) Vuga ubwoko bw'ubuvanganzo bugaragara muri uyu mwandiko. **(inota 1)**

19) Ababyirukanye ingoga mu gutamira ni abana b'uwuhe mwami? Uwo mwami yasimbuye nde ku ngoma? We yasimbuwe na nde ku ngoma? **(amanota 3)**

20) Ngo "Uyikura mu kabindi ikagukura mu bagabo".
Sanisha uyu mugani n'ibikorwa by'umunyendambi. **(amanota 2)**

21) Sobanura amagambo akurikira ari muri uyu mwandiko: **(amanota 4)**

a) icyusa

b) igisoka

c) kubayagura

d) Kandore

22) Gashamura uvugwa muri uyu mwandiko yari ashinzwe iki? Umubyeyi we uvugwa muri uyu mwandiko yitwa nde? **(amanota 2)**

23) Andika amazina ya ba nyiri ibihangano bikurikira: **(amanota 4)**

(a) Icyivugo cy'imfizi

(b) Mbwire umwami uko abandi bami bantumye

(c) Urugo rugwije imbaga

(d) Imali ya Shuni

**IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 15)**

24) Hitamo kimwe wandikaho :

**Ikitonderwa** :

- Nuramuka wanditse ku birenze kimwe, byombi bizaba imfabusa.
- Kirazira kugaragaza umwirondoro wawe uwo ari wo wose ku kibazo k'ihangamwandiko.

a) Kora inyandiko mvugo y'inama y'ababyeyi barerera ku kigo cy'Amashuri cya Karama. Ku murongo w'ibyigwa hari imyitwarire y'abanyeshuri, imitsindire yabo, gufatira amafunguro ku ishuri n'ibindi. Iyo nyandiko mvugo uyikore mu mazina ya Hakizimana Fabiyani kandi ntige munsi y'imirongo mirongo ine (40).

b) Hanga umwandiko muremure utari munsi y'imirongo mirongo itatu (30) ku nsanganyamatsiko ikurikira: "***Ni byiza ko buri muntu yihatira kurya indyo yuzuye***", utange ingingo enye (4) zishyigikira igitekerezo cyawe.

IPAJI ITARIHO IBIBAZO